

	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR1511160v2
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe Kanama 2009
TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : SOYA		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI/MINAGRI
-----------------------------	----------------------------------

Itariki inyandiko yasohokeye	2008-2009
-------------------------------------	------------------

Umubare w'amapagi	3
--------------------------	----------

SOYA



1. Aho Soya ihingwa : ihingwa mu karere k'inkombe z'i Kivu, mu Mayaga mu Bugesera no mu murambi n'umukenke by'iburasirazuba.

2. Ubutaka : igihingwa gikunda ubutaka bw'isi ndende bufite ifumbire ihagije kandi butuma umwuka ubutemberamo.

3. Amoko yamazwa : hari Bossier, Peka 6 na 449/6/16

4. Gutegura umurima

Imirimo isabwa: kurwanya isuri, kurima bwa mbere no kurima bwa kabiri aribyo gutabira bagiye gutera imbuto.

5. Gufumbira :

- * Bashyiramo toni 10 z'ifumbire y'imborera iboze neza mu gihe cy'itabira.
- * Bakongeramo ifumbire mvaruganda kg 100 za DAP mu itera.
- * Bagashyiramo rizobiyumu (mikorobi) mu mbuto mbere yo gutera bakoresheje agapfunyika ka g 40 kavangwa ni ibiro 2 by'imbuto.

6. Gutera imbuto

Umuhinzi akoresha kg 70 z'imbuto kuri Ha. Agatera kuri cm 40 hagati y'imirongo na cm 10 ku mirongo. Ashyira intete imwe mu kobo.

Igihe cyitera cyiza: ni muri Nzeli no mu ntangiriro za Gashyantare.

7. Gufata neza Soya mu mirima

*Ifishi ya tekinike zo guhinga kijyambere: Soya
Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda*

Mu mirimo y'ingenzi: twavuga kubagara no gusukira soya ifite amababi ane. Umuhinzi agomba kandi kurwanya indwara n'ibyonnyi hakoreshejwe amoko yihanganira indwara, baterera igihe ndetse n'imiti.

8. Ibyonnyi n'indwara by'ingenzi byangiza Soya

Ibyonnyi:

a) Inyoni (inkoko, inuma,): zangiza cyane soya iyo ukimara kuyitera, imvura isanza ubutaka bw'intabire, inyoni zigatoraguramo imbuto ya soya. Niyo mpamvu imbuto igomba guterwa mu bujya kuzimu buhagije kandi haghashyirwa abana mu murima bo kurinda inuma cyangwa inyoni kugeza igihe soya imaze kuva mu butaka yose. Bongera kuyirinda iyo soya itangiye kwera kugeza ishize mu murima.

b) Nyamwihina: ni agakoko ko mu bwoko bw'ibinyugunyugu kitwa Lamprosema (indicate). Akanyabwoya kako kagira ibara ry'icyatsi n'imirongo y'umukara k'umugongo.

Ibimenyetso

Igihingwa cyafashwe kigaragazwa n'amababi azingiyeye hamwe nk'azirikishijwe urudodo, nyamwihina irimo imbere.

Yonera munsu y'ikibabi itagipfumuye. Nyamwihina igaragara mu gihe soya itangiye kurabya kandi hari izuba.

Uburyo bwo kuyirwanya no kuyikumira:

Iyo yafashe umurima wa soya bayirwanya batera umuti cypermethrine cyangwa deltamethrine cyangwa fenvalerate.

Indwara

c) Indwara y'utudomo tw'amababi: iterwa n'agahumyo bita Pyrenochaeta glycines.

Ikimenyetso:

Ku mababi haza utudomo tujya kuba uruziga, kw'ikigina kijya kuba ibihogo. Iyo amabara amaze igihe kirekire agenda aba ikijuju azengurutswe n'ikigina cyijimye ndetse kijya kuba umukara. Iyo ndwara yibasira cyane ibibabi byo hasi ikagaragara cyane mu gihe cy'imvura.

Uko barwanya iyo indwara: Uburyo bw'ingenzi ni ugusimburanya ibihingwa, soya ikagaruka nyuma y'imyaka ibiri.

9. Igihe yerera: Soya yera nyuma y'iminsi 100 cyangwa 130 bitewe n'ubwoko bwayo.



10. Gusarura no guhunika:

- * Basarura soya yeze neza hagati ya toni 1,2 na toni 1,6 kuri Ha ikanikwa kugira ngo yume neza
- * Ni ngombwa kuyihunika ahantu heza hatagera za mugugunnyi twayangiza